Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Kicukiro

## ITANGAZO RY'AKAZI KO KWIGISHA K'IGIHE GITO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kicukiro buramenyesha ababyifuza bose kandi babifitiye ubushobozi ko hari akazi k'igihe gito (temporary job) ko kwigisha mu mashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye gasabwa binyuze ku kigo cy'ishuri gifite uwo mwanya kugira ngo dosiye ye yinjizwe muri sisitemu y'ikirorabuhanga ya (TMIS).

Usaba akazi arasabwa ibi bikurikira:

1. Kuba ari Umunyarwanda;
2. Impamyabumenyi (Diplome) ya A2/A1/A0 iherekejwe n'indangamanota (transcript/ Bulletin) bitariho umukono wa noteri;
3. Kwemera gukorera ku masezerano y'igihe gito kingana n'icyo uwo asimbura azamara mu kiruhuko;
4. Gukorera ku kindi kigo atasabye mu gihe aho yasabye atahabonye umwanya;
5. Kuba nta kandi kazi afite kandi yiteguye guhita atangira akazi;
6. Kuba atarambuwe uburenganzira bwo kuba umukozi wa Leta;

Icyitonderwa:

- Buri muyobozi w'ishuri ushyikirijwe ubusabe abushyira muri sisitemu n'iyo y'aba nta mwarimu afite uri mu kiruhuko.
- Gusaba akazi bizatangira 28/03/2025.

Bikorewe i Kicukiro ku wa 25/03/2025

MUTSINZI Antoine
Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kicukiro